RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2023 Taliki 07-08 Mutarama




P1. Handball: Police HBC na Kiziguro SS zegukanye irushanwa ryo ku mucanga

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 **Handball:** Police HBC na Kiziguro SS zegukanye irushanwa ryo ku mucanga

P2 **Volleyball:** APR VC yegukanye igikombe, REG VC yiyongerera amahirwe

# 1 **Handball:** Police HBC na Kiziguro SS zegukanye irushanwa ryo ku mucanga

Taliki 07 na 08 Mutarama 2023 mu Karere ka Rubavu habereye irushanwa rya Handball yo ku mucanga "Rubavu Beach Handball" aho ikipe ya Police HBC mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore ari zo zegukanye igikombe.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" ku nkunga ya Komite Olempike y'u Rwanda (RNOSC).

Mu bagabo, irushanwa ryitabiriwe n'amakipe 5 ari yo Police HBC, Vision JN HBC, Tengo HBC, ES Kigoma na UR HBC. Aya makipe yakinnye hagati yayo hanyuma 4 ya mbere akomeza muri ½ cy'irangiza.

Mu mikino ya ½, ikipe ya Police HBC yatsinze ES Kigoma amanota 2-1 naho ikipe ya Vision JN HBC itsinda Tengo HBC amanota 2-0.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Police HBC yari ifite igikombe giheruka yitwaye neza itsinda Vision JN HBC amanota 2-0.

Mu bagore iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 3 ari yo UR HBC, ES Mukingi na Kiziguro SS. Nyuma yo gukina hagati yayo. Ikipe ya Kiziguro SS na ES Mukingi ni zo zakinnye umukino wa nyuma aho Kiziguro SS yitwaye neza itsinda ES Mukingi amanota 2-0.

Iri rushanwa ryabanjirijwe n'amahugurwa y'abatoza kuri Handball ikinirwa ku mucanga "Beach Handball" aho yatangiye taliki 06 asozwa 08 Mutarama 2023. Aya mahugurwa yibanze ku bumenyi bw'ibanze "Basic Beach Handball Coaching Course" yitabiriwe n'abatoza ndetse n'abasifuzi bagera kuri 35 akaba yarakurikiranwe mu buryo bw'ikoranabuhanga na Titus Kasekwa (Kenya), umuhuzabikorwa wa Beach Handball muri Zone 5 na 7 ndetse na Kamel Borgi (Tunisia), Perezida wa Komisiyo ya Beach Handball mu Mpuzamashyirahamwe y'umukino wa Handball muri Afurika "CAHB".

Iri rushanwa ryaherukaga kuba mu Kwakira 2021, ikipe ya Police HBC mu bagabo na UR Rukara mu bagore ni zo zari zitwaye neza zegukana igikombe.

**Uko imikino yagenze**
**Mu bagabo**

- Vision JN **2-0** UR HBC
- ES Kigoma **1-2** Tengo HBC
- Police HBC **2-0** UR HBC
- Tengo HBC **1-2** Vision JN
- ES Kigoma **0-2** Police HBC
- UR HBC **0-2** Tengo HBC
- Vision JN **1-2** Police HBC
- ES Kigoma **2-1** UR HBC
- Vision JN **2-0** ES Kigoma
- Police HBC **2-1** Tengo HBC

**Imikino ya ½**
- Police HBC **2-1** ES Kigoma
- Vision JN **2-0** Tengo HBC

**Umukino wa nyuma**
- Police HBC **2-0** Vision JN

**Mu bagore**
- UR HC **0-2** ES Mukingi
- Kiziguro SS **2-0** UR HC
- ES Mukingi **0-2** Kiziguro SS
-

**Umukino wa nyuma**
- Kiziguro SS **2-0** ES Mukingi










# **Volleyball:** APR VC yegukanye igikombe, REG VC yiyongerera amahirwe

Taliki 07 na 08 Mutarama 2023, habaye imikino y'umunsi wa 7 "Phase 7" muri shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023" mu bagabo n'abagore aho yabereye mu Karere ka Ngoma.

Ikipe ya APR VC mu bagore yitwaye neza yegukana aka gace ka 7 "Phase 7" ihita yegukana igikombe naho ikipe ya REG VC mu bagabo yegukanye aka gace yiyongerera amahirwe yo kwegukana igikombe kuko yahise irusha Gisagara VC inota rimwe mu gihe hasigaye imikino y'agace ka nyuma ka 8 "Phase 8" aho isabwa kugera ku mukino wa nyuma.

**Uko imikino yagenze**

Mu bagabo, mu mikino y'amajonjora, ikipe ya REG VC yatsinze KVC amaseti 3-0 (27-25, 25-18 na 25-17), Gisagara VC yatsinze IPRC Musanze VC amaseti 3-0 (25-15, 25-13 na 25-21). Ikipe ya APR VC yatsinze Kirehe VC amaseti 3-0 (25-23, 29-27 na 25-22) naho ForeFront VC itsinda IPRC Ngoma VC amaseti 3-0 (26-24, 25-20 na 25-12).

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya REG VC yatsinze APR VC amaseti 3-1 (23-25, 25-18, 26-24 na 25-21) naho Gisagara VC itsinda ForeFront VC amaseti 3-1 (25-21, 25-21, 17-25 na 25-19).
Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya ForeFront VC yatsinze APR VC amaseti 3-1 (25-15, 25-22, 12-25 na 25-23).

Umukino wa nyuma REG VC yatsinze Gisagara VC amaseti 3-2 (25-20, 23-25, 25-17, 17-25 na 15-12).

Agace ka 7 karangiye ikipe ya REG VC iyoboye n'amanota 8, Gisagara VC (7), ForeFront VC (6), APR VC (5), Kirehe VC (4), IPRC Ngoma VC (3), KVC (2) na IPRC Musanze VC (1).

Muri rusange, ikipe REG VC ni yo iyoboye urutonde n'amanota 50, ikurikiwe na Gisagara VC (49), APR VC (41), ForeFront VC (40), IPRC Ngoma VC (26), Kirehe VC (23), IPRC Musanze VC (15) na KVC (8).





**Mu bagore, APR VC yegukanye igikombe**

Mu bagore, mu mikino y'amajonjora, ikipe ya ForeFront VC yateye mpaga St Bernadette VC amaseti 3-0, RRA VC itsinda IPRC Kigali VC amaseti 3-1 (25-13, 18-25, 25-14 na 25-13) naho ikipe ya Ruhango VC itsinda IPRC Huye VC amaseti 3-0 (25-09, 25-17 na 25-16).

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya ForeFront VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-1 naho APR VC itsinda RRA VC amaseti 3-2.

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 naho mu guhatanira umwanya wa mbere, ikipe ya APR VC itsinda ForeFront VC amaseti 3-1 (21-25, 25-22, 25-14 na 25-13).

Ikipe ya APRVC yasoje iyoboye agace ka 7 n'amanota 7 ikurikirwa na ForeFront VC (6), RRA VC (5), Ruhango VC (4), IPRC Kigali (3), IPRC Huye (2) na St Bernadette VC (0).

Muri rusange nyuma y'uduce 7, ikipe ya APR VC ni yo iyoboye n'amanota 49 aho yahise yegukana igikombe bidasubirwaho, ikurikiwe na ForeFront VC (42), RRA VC (35), Ruhango VC (27), IPRC Huye VC (17), IPRC Kigali VC (15) na St Bernaderre VC (5).

Imikino y'umunsi wa 8 "Phase 8" ari yo izasoza shampiyona ya 2022-2023 izabera i Kigali taliki 21 na 22 Mutarama 2023.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave